DISCLAIMER: As Member States provide national legislations, hyperlinks and explanatory notes (if any), UNESCO does not guarantee their accuracy, nor their up-dating on this web site, and is not liable for any incorrect information. COPYRIGHT: All rights reserved.This information may be used only for research, educational, legal and non-commercial purposes, with acknowledgement of UNESCO Cultural Heritage Laws Database as the source (© UNESCO).



**ARRETE MINISTERIEL N° 01/14.04/00 DU 3 AOUT 1989 DETERMINANT LA COMPOSITION ET LES MODALITES DE FONCTIONNEMENT DU COMITE DE GESTION DE LA REGIE DU MUSEE NATIONAL DU RWANDA.**

Le Ministre de l'Enseignement Supérieur et de la Recherche Scientifique,

Vu l'arrêté présidentiel n° 240/14 du 20 avril 1989 portant création et organisation de la Régie du Musée National du Rwanda, spécialement en son article 9,

ARRETE :

ARTICLE PREMIER.

Le Directeur de la Régie du Musée National du Rwanda est assisté par un Comité de gestion du Musée, ci-après dénommé le «Comité».

Le Comité de gestion est composé de membres de droit et de membres nommés.

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 01/14.04/00 RYO KUWA 3 KANAMA 1989 RISHYIRAHO ABAGIZE KOMITE ISHINZWE GUCUNGA UMUTUNGO W'INGORO Y'UMURAGE W'U RWANDA N'UKO BAKORA.**

Minisitiri w'Amashuri Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga,

Amaze kubona iteka rya Perezida n° 240/14 ryo kuwa 20 Mata 1989 rishyiraho Reji y'Ingoro y'Umurage w'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 9,

ATEGETSE :

INGINGO YA MBERE.

Umuyobozi wa Reji y'Ingoro y'Umurage w'u Rwanda afashwa na Komite ishinzwe gucunga umutungo w'Ingoro y'Umurage twita «Komite».

Komite igizwe n'abashyirwaho kubera imirimo bashinzwe n'abashyirwaho buri muntu ku giti cye.

DISCLAIMER: As Member States provide national legislations, hyperlinks and explanatory notes (if any), UNESCO does not guarantee their accuracy, nor their up-dating on this web site, and is not liable for any incorrect information. COPYRIGHT: All rights reserved.This information may be used only for research, educational, legal and non-commercial purposes, with acknowledgement of UNESCO Cultural Heritage Laws Database as the source (© UNESCO).



Sont membres de droit :

- Le Directeur de la Régie du Musée National du Rwanda, Président;
- Le Directeur Général de la Culture et des Arts au Ministère de l'Enseignement Supérieur et de la Recherche Scientifique, Vice-Président;
- Le Directeur de la Planification de l'Action Culturelle au Ministère de l'Enseignement Supérieur et de la Recherche Scientifique;
- Le Directeur du Ballet et du Folklore au Ministère de la Jeunesse et du Mouvement Associatif.

Sont membres nommés :

- Monsieur MUSABIMANA Jean Baptiste, Directeur du Budget de Développement au Ministère du Plan;
- Monsieur MBONIMANA Gamaliel, Professeur à la Faculté des Lettres de l'U.N.R.;
- Monsieur NAHIMANA Ferdinand, chargé de recherche à l'I.R.S.T.;
- Monsieur SIBOMANA Antoine, Bourgmestre de la Commune Mbazi.

Le Secrétariat du Comité est assuré par un agent

Abashyirwaho kubera imirimo bashinzwe ni:

- Umuyobozi w'Ingoro y'Umurage w'u Rwanda, ni nawe Perezida;
- Umuyobozi Mukuru w'Umuco n'Ubugeni muri Minisiteri y'Amashuri Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga, Visi-Perezida;
- Umuyobozi w'Igenamigambi mu by'Umuco muri Minisiteri y'Amashuri Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga;
- Umuyobozi w'Itorero n'Imbyino gakondo muri Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe.

Abashyizweho buri muntu ku giti cye ni:

- Bwana MUSABIMANA Yohani Batisita, Umuyobozi wa Bije Itsura Amajyambere muri Minisiteri y'Imigambi ya Leta;
- Bwana MBONIMANA Gamaliyeli, Umwarimu mu Ishami ry'Indimi rya Kaminuza y'u Rwanda;
- Bwana NAHIMANA Ferdinandi, umushakashatsi muri I.R.S.T;
- Bwana SIBOMANA Antoni, Burugumesitiri wa Komini Mbazi.

Ubunyamabanga bwa Komite bushinzwe u-

UNESCO Cultural Heritage Laws Database (Copyright and Disclaimer apply)

DISCLAIMER: As Member States provide national legislations, hyperlinks and explanatory notes (if any), UNESCO does not guarantee their accuracy, nor their up-dating on this web site, and is not liable for any incorrect information. COPYRIGHT: All rights reserved.This information may be used only for research, educational, legal and non-commercial purposes, with acknowledgement of UNESCO Cultural Heritage Laws Database as the source (© UNESCO).



de la Régie du Musée National.

Les membres nommés du Comité le sont pour un mandat de trois ans renouvelable.

ART. 2.

Sans préjudice des dispositions de l'article 10 de l'arrêté présidentiel n° 240/14 du 20 avril 1989 susvisé, le Comité assiste et conseille la direction du Musée notamment dans les domaines suivants :

a) La planification et la programmation des activités du Musée;
b) la planification de la formation et la gestion du personnel;
c) l'élaboration des prévisions budgétaires et la gestion des ressources financières;
d) l'élaboration du règlement d'ordre intérieur;
e) la coordination des travaux de collecte, de recherche et d'action culturelle et éducative;
f) la création de succursales du Musée dans le pays;

mukozi wa Reji y'Ingoro y'Umurage.

Abashyizweho buri muntu ku giti cye bagira manda y'imyaka itatu ishobora kongezwa.

INGINGO YA 2.

Bitabangamiye ibivugwa mu ngingo ya 10 y'iteka rya Perezida n° 240/14 ryo kuwa 20 Mata 1989 ryavuzwe haruguru, Komite yunganira kandi ikagira inama ubuyobozi bw'Ingoro y'Umuco nko mu byerekeye:

a) kugena no gushyira kuri gahunda imikorere y'Ingoro y'Umurage;
b) kugena ihugurwa ry'abakozi n'imicungire yabo;
c) gutegura ingengo y'imari no gucunga umutungo;
d) gutegura amategeko y'umwihariko;
e) guhuza imirimo yo gutarura no gucukumbura ibyerekeye umuco n'uburezi;
f) gushyiraho amashami y'Ingoro y'Umuco mu gihugu;

UNESCO Cultural Heritage Laws Database (Copyright and Disclaimer apply)

DISCLAIMER: As Member States provide national legislations, hyperlinks and explanatory notes (if any), UNESCO does not guarantee their accuracy, nor their up-dating on this web site, and is not liable for any incorrect information. COPYRIGHT: All rights reserved.This information may be used only for research, educational, legal and non-commercial purposes, with acknowledgement of UNESCO Cultural Heritage Laws Database as the source (© UNESCO).



g) la préparation et le suivi des projets de coopération;

h) l'élaboration des rapports annuels du Musée;

i) Toute question pouvant intéresser le développement et la bonne marche du Musée.

g) gutegura no gukurikirana imishinga y'ubufatanye;

h) gukora za raporo za buri mwaka z'Ingoro y'Umuco;

i) kwita kuri buri kintu gishobora guteza imbere Ingoro y'Umuco cyangwa gutuma irushaho gukora neza.

ART. 3.

Les réunions du Comité se tiennent au siège du Musée ou en tout autre endroit indiqué dans la lettre de convocation.

INGINGO YA 3.

Inama za Komite zibera ku cyicaro cy'Ingoro y'Umuco cyangwa ahandi hose havuzwe n'ibaruwa itumira.

ART. 4.

Le Comité se réunit une fois par trimestre et aussi souvent que l'exige l'intérêt du service, sur convocation du Président du Comité à son initiative propre ou à la demande d'au moins deux membres dudit Comité.

La convocation contenant l'ordre du jour est envoyée aux membres au moins quinze (15) jours avant la date de la réunion.

INGINGO YA 4.

Komite iterana rimwe mu gihembwe n'ikindi gihe cyose bibaye ngombwa kubera akazi, ku butumire bwa Perezida wa Komite, yaba ari we ubyishakiye cyangwa bishatswe byibura na babiri mu bagize Komite.

ubutumire buba bwerekana ibizigwa kandi bukohererezwa abagize Komite byibura mbere y'iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama ibe.

UNESCO Cultural Heritage Laws Database (Copyright and Disclaimer apply)

DISCLAIMER: As Member States provide national legislations, hyperlinks and explanatory notes (if any), UNESCO does not guarantee their accuracy, nor their up-dating on this web site, and is not liable for any incorrect information. COPYRIGHT: All rights reserved.This information may be used only for research, educational, legal and non-commercial purposes, with acknowledgement of UNESCO Cultural Heritage Laws Database as the source (© UNESCO).



En cas de réunion extraordinaire, le délai de convocation est laissé à l'appréciation du Président du Comité. L'ordre du jour est limité aux affaires qui ont motivé la convocation.

ART. 5.

Le Comité peut inviter toute personne, en raison de ses compétences, à assister sans droit de vote à ses réunions.

ART. 6.

Le Comité ne peut valablement délibérer que si les 2/3 de ses membres sont présents. Si le quorum n'est pas atteint, il se réunit valablement dans quinze (15) jours quel que soit le nombre des membres présents.

Les décisions sont prises à la majorité absolue des voix. En cas de partage, la voix du Président est prépondérante.

Igihe cy'inama idasanzwe, Perezida wa Komite ni we ugena igihe cy'ubutumire. Ibyigwa muri bene iyo nama ni ibiba gusa byatumye iterana.

INGINGO YA 5.

Komite ishobora gutumira umuntu wese kubera ubushobozi bwe kugira ngo akurikirane imirimo y'inama ariko adashobora gutora.

INGINGO YA 6.

Komite ntishobora guterana no gufata ibyemezo byemewe mu nama iyo byibura 2/3 by'abayigize badahari. Iyo ibyo 2/3 bitagezeho, Komite ishobora guterana nyuma y'iminsi cumi n'itanu (15) uko abayigize baba bangana kose.

Ibyemezo bifatwa ku bwiganze bw'amajwi arenze icya kabiri. Iyo amajwi angana, ijwi rya Perezida rikemura impaka.

UNESCO Cultural Heritage Laws Database (Copyright and Disclaimer apply)

DISCLAIMER: As Member States provide national legislations, hyperlinks and explanatory notes (if any), UNESCO does not guarantee their accuracy, nor their up-dating on this web site, and is not liable for any incorrect information. COPYRIGHT: All rights reserved.This information may be used only for research, educational, legal and non-commercial purposes, with acknowledgement of UNESCO Cultural Heritage Laws Database as the source (© UNESCO).



ART. 7.

Les délibérations du Comité font l'objet d'un procès-verbal adressé au Ministre dans un délai de quinze (15) jours.

ART. 8.

Les membres du Comité bénéficient de jetons de présence à charge du Musée dont le montant est fixé par jour de réunion de la manière suivante:

| | | |
|---|---|---|
| Président | : | 2.000 Frw |
| Autres membres | : | 1.500 Frw |

ART. 9.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa signature.

Kigali, le 3 août 1989.

INGINGO YA 7.

Ibyemejwe na Komite bikorerwa inyandiko-mvugo yohererezwa Minisitiri mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15).

INGINGO YA 8.

Abagize Komite uko bateranye bahabwa n'Ingoro y'Umuco igihembo giteye gitya:

| | | |
|---|---|---|
| Perezida | : | 2.000 Frw. |
| Abandi bagize Komite buri wese ahabwa | : | 1.500 Frw. |

INGINGO YA 9.

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ryasinyiweho.

Kigali, kuwa 3 Kanama 1989.

NYANDWI Charles.

UNESCO Cultural Heritage Laws Database (Copyright and Disclaimer apply)